



## Project 8

# UMUSHINGA WO GUTEZA IMBERE IBIKORWA BY'UBUKERARUGENDO HANZE YA PARIKI Y'IBIRUNGA

Support for the Community-Based Natural Resource Management (CBNRM) Plan Kinigi Area, Rwanda project development plan: UMUSHINGA WO GUTEZA IMBERE IBIKORWA BY'UBUKERARUGENDO HANZE YA PARIKI Y'IBIRUNGA was provided by the:

CENTRAL AFRICAN REGIONAL PROGRAM FOR THE ENVIRONMENT (CARPE/USAID), VIRUNGA FOCAL AREA, DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO AND RWANDA: a WWF led Consortium, including WCS, SNV and AWF, made possible with the generous support of the American People



**Izina ry’umushinga:** Umushinga wo guteza imbere ibikorwa by’ubukerarugendo hanze ya pariki y’ibirunga

**Umwirondoro wa nyir’umushinga:**

Abaturage b’utugari duturiye PNV bo mu murenge wa Kinigi bibumbiye mu budehe, bagize utugari twa: Nyonirima ifite abaturage 6 401, Nyabigoma ifite abaturage 3 376, Kaguhu ifite abaturage 2 671 na Bisoke ifite abaturage 3 824. Aho ni mu Karere ka Musanze, Intara y’Amajyaruguru.

**AKARERE UMUSHINGA UZAKORERAMO**

Umushinga uzakorera mu tugari tune turi mu Murenge wa Kinigi, dukora kuri PNV; dufite abaturage 15.912 batanzwe n’ubuhinzi n’ubworozi. Aho mu Kinigi hari amahoteri menshi ariko abaturage ntibayabonamo inyungu zihagije ku buryo batera imbere mu miryango yabo. Ayo mahoteri abonekamo ni: GUEST HOUSE, MOUNTAIN GORILLAS NEST na SACOLA HOTEL. Uwo murenge ufite ibigo bitanu by’amashuri abanza n’ ibigo bibiri by’amashuri yisumbuye: icya Kampanga n’icya Bisate. Muri uwo murenge habonekamo ibigo nderabuzima bibiri: icya Kinigi n’icya Bisate; kandi habonekamo abanyabukorikori bakora ibihangano gakondo, abakerarugendo bakunda. Ako karere karimo ibintu nyaburanga nk’ubuvumo, pariki y’ibirunga irimo inyamaswa nk’ingagi, imbogo, inzovu, inkima n’inyoni bikurura ba mukerarugendo. Umurenge wa Kinigi uri mu Ntara y’Amajyaruguru. Umurenge wa Kinigi uri kuri km 18 uvuye mu muji wa Ruhengeri.

**ISOBANURAMPAMVU**

Amahoteri yo mu Kinigi arahenze cyane ku buryo ba mukerarugendo baza ari benshi ariko abadafite ubushobozi bakaba bajya gucumbika mu mahoteri aciriritse yo hanze ya Kinigi, amafaranga bakagombye gutanga mu Kinigi ntawe agitanzwe. Ibyo bituma abaturage bakomeza kudindira mu iterambere kandi bakagombye kubona amafaranga menshi avuye mu bukerarugendo. Hari kandi ikibazo cyo kutagira ibikorwa by’ubukorikori, nta n’itorero rigaragaza umuco nyarwanda, haba mu mbyino, mu mivugo, ...

Uyu mushinga wo guteza imbere ubukerarugendo twawuhisemo tugamije gutegura ibintu bikurikira :

- Gutegura ahantu nyaburanga
- Gushyiraho itorero rimenyekanisha umuco nyarwanda mu mbyino n’imivugo
- Gukora neza ibihangano gakondo; ibyo byose bigakurura ba mukerarugendo bakaduha amafaranga tugatera imbere mu bukungu.

**INTEGO Z’UMUSHINGA**

**Intego rusange**

Kongera umutungo mu miryango ituriye Pariki y’ibirunga

**Intego zihariye**

Umushinga w’ubukerarugendo ugamije ibintu bikurikira :

- Guhanga itorero rimenyekanisha umuco nyarwanda mu mbyino n'imivugo
- Gucunga ibikorwa by'ibihangano by'ubukorikori
- Gutunganya ahantu nyaburanga
- Gushyiraho uburyo bwo kwakira abantu mu buryo buhendutse.

## **ABAGENERWABIKORWA**

Abo umushinga w'ubukerarugendo uzagirira akamaro kurusha abandi ni ba nyiri umushinga ari bo: abaturage b'utugari twa Kaguhu, Bisoko, Nyonirima na Nyabigoma, dutuwe n'abagabo 3 001, abagore 3 511, inkumi 5 586; n'abasore 3 814. Aba baturage batanzwe ahanini n'ubuhinzi n'ubworozi; harimo abahinzi bangana na 82%, aborozi bangana na 14% n'abakozi ba Leta bangana na 4%. Abakozi bahoraho bakora mu mushinga bawufasha muby'ubutekinisiye n'abandi bakozibazaba bakora indi mirimo itajyanye na tekiniki nko gusukura, guteka, kwakira...

Abandi bagenerwabikorwa ni abaturage baturiyeye umurenge wa Kinigi batari muri utu tugari twagereye PNV ari two Kaguhu, Nyabigoma, Nyonirima na Bisoko nk'akagari ka Kampanga n'abaturage batuye hanze y'umurenge wa Kinigi bose baza batugana mbese mu Karere cyangwa mu gihugu.

## **INGAMBA/IKORANABUHANGA**

### **Guteza imbere umuco nyarwanda**

Hazabaho gushaka abahanzi babiri umugabo n'umugore b'inzobere mu buhanzi, bazi neza imbyino, amateka. Gusaba uburenganzira no gushaka abazaba bagize itorero. Gushaka aho kwitoreza.

### **Kunoza ubukorikori no gukomeza ibihangano**

Hazabaho gushaka amakuru mu banyabukorikori bakora ibihangano, amashyirahamwe abikora muri ORTPN no kubaka boutique bizacururizwamo n'abakozi bafasha ishyirahamwe muri ubwo bucuruzi no gushaka isoko.

### **Gutunganya ahantu nyaburanga : Ubuvumo**

Hazabaho gusaba uburenganzira no gukora inyigo yo gutunganya ahantu nyaburanga no, kumenya amateka y'ubwo buvumo no gushyiraho gahunda y'uko hazategurwa, haterwa indabo, uduhanda, uruzitiro no kuhubaka za bungalow.

### **Gushyiraho uburyo bwo kwakira abantu buciriritse**

Hazabaho gusaba uburenganzira no gushaka ikibanza cy'ahazubakwa no gushaka amakuru y'ahantu hazaboneka ibikoresho byo kubaka no gushaka abatekinisiye bize iby'ubwubatsi.

### **Ku byerekeye imiyoborere n'uruhare rw'inzego z'abaturage**

Nyuma n'inkunga y'umushinga ubuyobozi buzasigarana na komite nyobozi z'ubudehe mu tugari tune two mu murenge wa Kinigi ndetse n'abatekinisiye babafasha muri icyo gikorwa (mu mushinga w'ubukerarugendo) ndetse hazahugurwa n'abaturage bo gufasha izo komite no kwibumbira mu makoperative; hanashyirwaho komite nyobozi ya koperative.

## IMBONERAHAMWE Y'IBIKORWA BY'UMUSHINGA

### Intego yihariye ya 1 : Guteza imbere umuco


N°	Igikorwa	Ibipimo	Igenzura Aho wabona amakuru	inzitizi
1.1	Gahanga itorero	Ni mu gihe cy'amezi 6	Muri raporo ya buri gihembwe	-
1.2	Gutoza itorero	Mu gihe cy'amezi 6	Muri raporo ya buri gihembwe	Kubura abatoza
<b>2</b>	<b>Intego : Kunoza ubukorikori</b>			
2.1	Kubaka boutique	Mu mezi 12	Muri raporo ya buri gihembwe	-
2.2	Gucuruza ibihangano	Mu mezi atatu <ul style="list-style-type: none"> <li>• Uduseke 20</li> <li>• Imitako 40</li> <li>• Amashusho y'ingagi 50</li> <li>• Inkoni 100</li> <li>• Imikeka 100</li> <li>• Ibirago 150</li> </ul>		
<b>3</b>	<b>Intego : Gutunganya ahantu nyaburanga : ubuvumo</b>			
3.1	Gutegura ubuvumo	Mu mezi 3	Muri raporo ya buri gihembwe	-
3.2	Gutera indabo	Mu mezi 4	Muri raporo ya buri gihembwe	-
3.3	Kuzitira ubuvumo	Mu mezi 2	Muri raporo ya buri gihembwe	-
3.4	Kubaka za bungalow	Mu mezi 5	Muri raporo ya buri gihembwe	-
<b>4</b>	<b>Intego : Gushyiraho uburyo bwo kwakira abantu buciriritse</b>			
4.1	Kubaka icumbi <ul style="list-style-type: none"> <li>• Kuzitira amacumbi</li> <li>• Gutera indabo</li> </ul>	Amazu 8 ya 6 m x 8 m mu mwaka n'igice Mu mezi 4 Mu mezi 3	Muri raporo ya buri gihembwe Muri raporo ya buri kwezi Muri raporo ya buri kwezi	- - -
4.2	Kubaka <ul style="list-style-type: none"> <li>• Ururiro</li> <li>• Urunywero</li> </ul>	1 rufite 11 m x 13 m	Muri raporo ya buri kwezi Muri raporo ya buri gihembwe	-

## GAHUNDA Y'IKURIKIRANA N'ISUZUMA RY'UMUSHINGA

Ihererekanya rya raporo : uzahabwa raporo izahabwa umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagari

N°	Igikorwa	Amakuru akenewe	Ryari (igihe)	Ubishinzwe		
				Gukusanya	Gusesengura	Guhuza
1	Guhanga	Kumenya abahanzi babyigiye no kumenya abatoza mu bikorwa by'ubuvanganzo	Nyuma y'ukwezi 1	Komite nyobizi y'ishyirahamwe	Umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagari	Umurenge
2	Kubaka	Kumenya isoko ricuruzwa ibikoreshe by'ubwubatsi Kumenya abafundi babyigiye no kumenya ahantu haberanye n'umushinga	Nyuma y'umwaka 1	Komite nyobizi y'ishyirahamwe	Sec. Exécutif w' Akagari	Umurenge
3	Gucuruzwa	Kumenya aho twakura ibiti bivamo igihangano no kumenya abashobora gukora ibihangano (abanyabukorikori) n'uko ibihangano bigurishwa (ibiciro) no kumenya umuntu w'umutekinisiye wize ubucuruzi n'ubucungamari kandi azi indimi zirenze ebyiri	Nyuma y'ukwezi 1	Komite nyobizi y'ishyirahamwe	Sec. Exécutif w' Akagari	Umurenge
4	Gutegura	Kumenya aho ubuvumo buherereye n'amateka yabwo	Mu kwezi 1	Komite nyobizi y'ishyirahamwe	Sec. Exécutif w' Akagari	Umurenge
5	Gutera	Kumenya neza indabo nziza zaterwa ku buvumo n'aho zava	Mu byumweru 3	Komite nyobizi y'ishyirahamwe	Sec. Exécutif w' Akagari	Umurenge
6	Kuzitira	Kumenya ahazava ibiti byo kuzitira n'abantu bazi kuzitira neza	Mu mezi 2	Komite nyobizi y'ishyirahamwe	Sec. Exécutif w' Akagari ka Kaguhu	Umurenge

**IHEREREKANYA RYA RAPORO** : bizakorwa mu gihe cy'ukwezi kumwe



**AKAMARO ( INGARUKA) Z'UMUSHINGA**

**Ku bukungu**

Kwiyongera kw'umutungo mu miryango y'abaturage batariye PNV b'utugari twa Kaguhu, Bisoke, Nyabigoma na Nyonirima ku kubona amafaranga ahagije ku buryo umuturage umwe ashobora kubona amafaranga 1000 ku muni. Mu buhinzi bazajya babona ubushobozi bwo kwigurira inyongeramusaruro batatse inguzanyo nko kwiyindikisha kandi bazashobora kwizigamira mu mabanki y'abaturage. Bazabona n'uburyo bwo gutumanaho bworoshye bigurira telefone zigendanwa.

**Ku mibereho myiza**

Abaturage bazashobora kwirihira mutuelle de santé nta ngorane kandi isuku iziyongera muri ako karere no kubona ibyo kurya ku buryo butagoranye kandi bizaborohera kurihira abana babo amashuri yisumbuye ndetse n'amakuru.

Bazashobora kuryama heza, bigurira za matelas. Hazaboneka imirimo ubushomeri buzagabanuka ndetse n'ikoranabuhanga riziyongera muri abo baturage no muri ako karere ku buryo bazasagurira n'utundi turere. N'ubwo abaturage basanzwe bambara inkweto, biziyongera bambare izigezweho.

### **Ku bidukikije**

Ibidukikije bizitabwaho kurusha uko byari bisanzwe haterwa amashyamba kandi ibiti bivamo ibikorwa by'ubukorikori bizarushaho kwitabwaho no guhabwa agaciro. Hazafatwa na none ibintu nyaburanga no gufata neza amazi hashyirwaho ba kanyamigezi n'abashinzwe amavomo.

Nta muturage uzongera gutekereza kujya mu ishyamba agamije kwangiza ibirimo kuko bazaba bamaze gutera imbere mu bukungu, buri wese yibonera nibura F 1000 buri muni kubera uwo mushinga w'ubukerarugendo.

### **Ku bwuzuzanye n'uburinganire bw'abagabo n'abagore**

Abagabo n'abagore nta n'umwe uzaba ahejwe mu mushinga w'ubukerarugendo bose bazaba banganya ubushobozi ku buryo abagore ahanini bazabonamo imirimo kuri 60% kandi hazaba ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore nta vangura ndetse n'imyumvire mibi izacika. Abagabo n'abagore bazafatanyaga kurera abana babo neza, uburere butagiharirwa abagore gusa cyangwa abagabo gusa.

## **UBURAMBE BW'UMUSHINGA**

### **Ku byerekeye tekini, ibikorwa n'ikoranabuhanga**

Nyuma y'umushinga komite z'ubudehe z'utugari twacu Kaguhu, Nyabigoma, Nyonirima na Bisoke nizo zizashyira mu bikorwa intego zihariye z'umushinga wo guteza imbere ubukerarugendo nk'uko twabyiyemeje kandi hazashyirwaho n'abatekinisiye bazafasha mu micungire y'uwo mushinga n'imwe mu mishinga ishobora kutugira inama mu guteza imbere ubukerarugendo nka ORTPN na PICG.

### **Ku byerekeye imari n'umutungo**

Nyuma y'inkunga y'umushinga, imari n'umutungo bizaturuka mu nyungu zaturutse mu bikorwa by'umushinga wo guteza imbere ubukerarugendo kandi umushinga uzakomeza ibikorwa byawo byo guteza imbere ubukungu hiyongera amafaranga. Imari izaturuka no ku nkunga bizaba byarakozwe hafunguzwa konti mu mabanki. Hazashingwa koperative izakomeza gucunga neza imari n'umutungo, hatorwe komite nyobozi izaba ibishinzwe harimo n'abatekinisiye n'abagenzuzi.

## INGENGO Y'IMARI Y'UMUSHINGA

N°	Igikorwa	Amafaranga
1.	Guhanga itorero	362.000
2.	Gucuruza ibihangano	2.280.000
3.	Gutunganya ubuvumo	3.450.000
4.	Kugura umurima n'imodoka 1	30.000.000
5.	Kubaka amazu	248.500.000
6.	Kugura ibikoresho biramba	281.400.000
7.	Kumenya imishahara y'abakozi	1.780.000
8.	Ibikoresho byo mu biro	13.806.000
	<b>IGITERANYO</b>	<b>581.578.000</b>

## IGITERANYO N'INGENGO Y'IMARI

N°	Icyo ari cyo	Umubare w'amafaranga
1.	Ibikoresho biramba	281.400.000
2.	Imishahara n'ibiro	15.586.000
3.	Igiteranyo	296.986.000

N°	UMWAKA	AMAFARANGA
	Umwaka 1	317;446.000
	Umwaka 2	36;046.000
	Umwaka 3	36.046.000 + Inyungu
	IGITERANYO	389.538.000 + Inyungu

## UKO INGENGO Y'IMARI IZAMUKA

Abaturage	50.791.360
Inkunga	530.786.370
<b>IGITERANYO</b>	<b>581.578.000</b>

N.B. : Uruhare rw'abaturage rugizwen'umuganda n'imisanzu bazajya batanga



## IMBONERAHAMWE YO KWISHYURA INGUZANYO

Itariki	Umwenda usigaye	Ayisyhyuwe	Inyungu ku nguzanyo	Ayishyuwe yose yamwe
Inguzanyo yose Umwaka	581 578 000		10%	
Umwaka 1	508.880.750	72.697.250	7.269.725	79.966.975
Umwaka 2	436.183.500	72.697.250	7.269.725	79.966.975
Umwaka 3	363.486.250	72.697.250	7.269.725	79.966.975
Umwaka 4	290.789.000	72.697.250	7.269.725	79.966.975
Umwaka 5	218.091.750	72.697.250	7.269.725	79.966.975
Umwaka 6	145.394.500	72.697.250	7.269.725	79.966.975
Umwaka 7	72.697.250	72.697.250	7.269.725	79.966.975
Umwaka 8	0	72.697.250	7.269.725	79.966.975
Igiteranyo	0	581.578.000	58.157.800	639.735.800

## GAHUNDA YO GUSHORA IMARI

Amafaranga azinjira	Umwaka 1	Umwaka 2	Umwaka 3
Intangiriro	317 446 000	30 000 000	161 132 000
Isanduku	132 000	132 000	200 000
Muri banki	264 000 000	234 000 000	99 800 000
Andi azinjira	-	24 000 000	25 000 000
Igiteranyo	581 578 000	261 132 000	286 132 000

## IMBONERAHAMWE Y'UBWISAZURE BW'IBIKORESHO

Ibikoresho Ibyo ari byo	Umubare	Igihe byaguriwe	Agaciro	Imyaka bimaze	Ubwisazure	Agaciro gasigaye
Imodoka	1	2009	15 000 000	3	5 000 000	10 000 000
Radiyo	1	2009	80 000	2	40 000	40 000
Intebe	160	2009	1 750 000	3	583 333	1 166 667
Ordinateur	1	2009	250 000	4	62 500	187 500
Igiteranyo					5 685 833	

## AMAFARANGA ASOHOKA

Kwishyura inguzanyo	Umwaka 1	Umwaka 2	Umwaka 3
	66.663.660	68.663.660	70.663.660
Inyungu ku nguzanyo	366.650.013	366.650.130	36.665.013
Ubwisazure	5.685.833	36.665.013	3.665.013
Imisoro	500.000	500.000	500.000
Imishahara	1.780.000	1.780.000	1.780.000
<b>Igiteranyo</b>	<b>105.608.673</b>	<b>437.920.990</b>	<b>76.920.990</b>

**Ikinuranyo = 393776026 – 105608673 = 288167353 Frw**

## UMWANZURO

Muri rusange umushinga w'ubukerarugendo uzagira impinduka ku mibereho y'abaturage ku bijyanye na guhunda y'icyerekezo 2020 kandi ukurikije uko umushinga wunguka umuterankunga uzatuguriza, turemeza ko tuzishyura neza inguzanyo hamwe n'inyungu. Abaturage bazashobora kurihira abana babo amafaranga y'ishuri mu mashuri yisumbuye ndetse n'amakuru.

Abaturage bazatera imbere mu bukungu cyane cyane abo mu tugari twa Kaguhu, Bisoke, Nyabigoma na Nyonirima ariko uzagera no kubandi bagenerwabikorwa bo mu murenge wa Kinigi baturaye utwo tugari ndetse n'akarere muri rusange.

### ABATEGUYE UMUSHINGA

1. NSHUTI Séraphin
2. NIYOYITA Jean Baptiste
3. NYIRANSABIMANA Joséphine
4. NGIRUWONSANGA M. Bernard
5. NYIRABAHSYITSI Esther
6. MUHAWENIMANA Marthe
7. NDAGIJIMANA Peter
8. NYIRAHABIMANA Jacqueline

**ICYITONDERWA:** Abateguye uyu mushinga bari bagamije iterambere rirambye ry'abatariye Pariki y'ibirunga. Ikigaragara aliko ni uko usaba igishoro kinini kandi imwe mu mibare yakoreshejwe ikaba idasobanutse neza (nk'aho uruhare rw'abaturage rubarirwa mu nguzanyo cyangwa amafaranga yishyurwa ku nguzanyo akaba amwe mu myaka yose). uburyo bwo kuwushyira mu bikorwa kugirango ushobore gutanga koko inyungu ziwutegerejweho ntibusobanuye neza kandi uburemere bwawo burasaba ko wanonosorwa hifashishijwe inzego zose zizawugiramo uruhare (ORTPN, PICG, AKARERE n'abandi baterankunga (stakeholders).

*Umugishwanama NZABONIMANA Jean Chrysostome.*